

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Amateka y'Abaminisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels

N°1573/08.25 ryo ku wa 08/07/2016

Iteka rya Minisitiri rigena abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB) bafite ububasha bw'umunoteri2

N°1573/08.25 of 08/07/2016

Ministerial Order determining Rwanda Governance Board members of staff who exercise notarial powers2

N°1573/08.25 du 08/07/2016

Arrêté Ministériel déterminant les agents de l'Office Rwandais de la Gouvernance ayant la qualité de notaire.....2

N° 002/11.30 ryo ku wa 14/07/2016

Iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza agenga imiti n'ifumbire mvaruganda.....6

N° 002/11.30 of 14/07/2016

Ministerial Order determining regulations governing agrochemicals6

N° 002/11.30 du 14/07/2016

Arrêté Ministériel portant règlements régissant les produits agrochimiques6

B. Amabwiriza ya Komiseri Mukuru / Commissionner General Rules/ Directives du Commissaire Général

N° 01/2016 yo ku wa 08/07/2016

Amabwiriza ya Komiseri Mukuru akena ibisabwa abemeza ibaruramari babigize umwuga...79

N° 01/2016 of 08/07/2016

Commissionner General Rules determining the conditions for professional accountants certifying financial statements79

N° 01/2016 du 08/07/2016

Directives du Commissaire Général déterminant les conditions pour les comptables professionnels pouvant certifier les états financiers.....79

C. Itangazo/ Announcement/ Communiqué

Abantu bahawe Ubwenegihugu bw'u Rwanda.....84

Persons who have been granted Rwandan Nationality.....84

Personnes qui ont acquis la Nationalité Rwandaise.....84

Abantu baretse Ubwenegihugu bw'u Rwanda ku bushake.....94

Persons who have voluntarily renounced Rwandan Nationality.....94

Personnes qui ont volontairement renoncé à la Nationalité Rwandaise.....94

ITEKA RYA MINISITIRI N°1573/08.25 RYO KU WA 08/07/2016 RIGENA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU CY'IMIYOBORERE (RGB) BAFITE UBUBASHA BW'UMUNOTERI

MINISTERIAL ORDER N°1573/08.25 OF 08/07/2016 DETERMINING RWANDA GOVERNANCE BOARD MEMBERS OF STAFF WHO EXERCISE NOTARIAL POWERS

ARRETE MINISTERIEL N°1573/08.25 DU 08/07/2016 DETERMINANT LES AGENTS DE L'OFFICE RWANDAIS DE LA GOUVERNANCE AYANT LA QUALITE DE NOTAIRE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igenwa ry'abafite ububasha bw'umunoteri

Article 2: Granting notarial powers

Article 2: Attribution de la qualité de notaire

Ingingo ya 3: Ububasha butanzwe n'iri teka n'irangira ryabwo

Article 3: Powers granted by this Order and the cessation of the powers

Article 3: Qualité conférée par le présent arrêté et sa cessation

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 4: Repealing provision

Article 4: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 5: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 5: Commencement

Article 5: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°1573/08.25 RYO KU WA 08/07/2016 RIGENA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU CY'IMIYOBORERE (RGB) BAFITE UBUBASHA BW'UMUNOTERI

MINISTERIAL ORDER N°1573/08.25 OF 08/07/2016 DETERMINING RWANDA GOVERNANCE BOARD MEMBERS OF STAFF WHO EXERCISE NOTARIAL POWERS

ARRETE MINISTERIEL N°1573/08.25 DU 08/07/2016 DETERMINANT LES AGENTS DE L'OFFICE RWANDAIS DE LA GOUVERNANCE AYANT LA QUALITE DE NOTAIRE

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta;

The Minister of Justice/Attorney General

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n°13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri; cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3 n'iya 4;

Pursuant to Law n°13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary, especially in Articles 3 and 4;

Vu la Loi n° 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire spécialement en ses articles 3 et 4;

Ashingiye ku Itegeko n° 41/2011 ryo ku wa 30/09/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2, agace ka 9;

Pursuant to Law n° 41/2011 of 30/09/2011 establishing the Rwanda Governance Board and determining its mission, organization and functioning, especially in Article 3, Paragraph 2, point 9;

Vu la Loi n° 41/2011 du 30/09/2011 portant création de l'Office Rwandais de la Gouvernance et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 3, alinéa 2, point 9;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 24/06/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 24/06/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 24/06/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri rigena abakozi b'ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere bafite ububasha bw'umunoteri.

This Order determines Rwanda Governance Board members of staff who exercise notarial powers.

Le présent arrêté détermine les agents de l'Office Rwandais de la Gouvernance ayant la qualité de notaire.

Ingingo ya 2: Igenwa ry'abafite ububasha bw'umunoteri

Abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere bakurikira bahawe ububasha bwo gukora umurimo w'umunoteri:

- 1° Bwana SEMUKANYA Aimable;
- 2° Bwana BARIHUTA Aime.

Ingingo ya 3: Ububasha butanzwe n'iri teka n'irangira ryabwo

Ububasha butanzwe n'iri teka bugarukira ku nshingano z'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere, bukanarangira iyo uwabuhawe atakiri umukozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere.

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 5: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda..

Kigali, ku wa **08/07/2016**

Article 2: Granting notarial powers

The following members of staff of Rwanda Governance Board are granted the power to exercise notarial powers:

- 1° Mr. SEMUKANYA Aimable;
- 2° Mr. BARIHUTA Aime.

Article 3: Powers granted by this Order and the cessation of the powers

The powers granted by this Order are limited to the mission of Rwanda Governance Board and cease when the concerned person is no longer a member of staff of Rwanda Governance Board.

Article 4: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 5: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **08/07/2016**

Article 2: Attribution de la qualité de notaire

Les agents de l'Office Rwandais de la Gouvernance suivants sont conférés le pouvoir d'exercer la qualité de notaire:

- 1° Monsieur SEMUKANYA Aimable;
- 2° Monsieur BARIHUTA Aime.

Article 3: Qualité conférée par le présent arrêté et sa cessation

La qualité conférée par le présent arrêté est limitée à la mission de l'Office Rwandais de la Gouvernance et cesse lorsque la personne concernée n'est plus un agent de l'Office Rwandais de la Gouvernance.

Article 4: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 5: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **08/07/2016**.

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/11.30 RYO KU WA 14/07/2016 RIGENA AMABWIRIZA AGENGA IMITI N'IFUMBIRE MVARUGANDA	MINISTERIAL ORDER N° 002/11.30 OF 14/07/2016 REGULATIONS AGROCHEMICALS	ARRETE MINISTERIEL N°002/11.30 DU 14/07/2016 PORTANT REGISSANT LES AGROCHIMIQUES
--	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet de ces instructions

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

**Ingingo ya 3: Itumizwa ry'imiti n'amafumbire
bitanditswe**

**Article 3: Importation of unregistered
agrochemical**

**Article 3: Importation de produits
agrochimiques non enregistrée**

**Ingingo ya 4: Urutonde rw'imiti n'amafumbire
byemewe n'ibibujijwe**

**Article 4: Lists des registered and prohibited
agrochemicals**

**Article 4: Listes des produits agrochimiques
enregistrés et interdits**

**Ingingo ya 5: Igabanywa n'ikumira
ry'imkoreshwa ry'umuti n'ifumbire**

**Article 5: Restriction or prohibition of use of
an agrochemical**

**Article 5: Restriction et interdiction
d'utilisation d'un produit agrochimique**

Ingingo ya 6: Ihindurwa ry'umuti n'ifumbire

Article 6: Alteration of an agrochemical

Article 6: Altération d'un produit agrochimique

**Ingingo ya 7: Ikorwa ry'imiti n'amafumbire
bitanditswe**

**Article 7: Manufacture of unregistered
agrochemicals**

**Article 7: Fabrication d'un produit
agrochimique non enregistré**

UMUTWE WA II: IYANDIKWA RY'IMITI N'AMAFUMBIRE

Ingingo ya 8: Gusaba iyandikwa ry'umuti cyangwa ifumbire

Ingingo ya 9: Kwemeza iyandikwa ry'umuti n'ifumbire

Ingingo ya 10: Amakuru yandikwa mu gitabo cy'imiti n'ifumbire

Ingingo ya 11: Kudahererekanywa kw'icyemezo cy'iyandikwa

Ingingo ya 12: Kongera igihe cy'icyemezo cy'iyandikwa

Ingingo ya 13: Iyandikwa ry'agateganyo ry'umuti cyangwa ifumbire

Ingingo ya 14: Itangwa ry'icyemezo cy'iyandikwa ry'agateganyo

Ingingo ya 15: Kutandikwa kw'umuti n'ifumbire

UMUTWE WA III: IYANDIKWA RY'INYUBAKO

Ingingo ya 16: Imiterere y'inyubako

Ingingo ya 17: Aho inyubako ziba zisherereye

CHAPTER II: REGISTRATION OF AGROCHEMICALS

Article 8: Application for registration of agrochemical

Article 9: Approval of registration of agrochemical

Article 10: Data to be recorded in the register of agrochemicals

Article 11: Non-transferability of the Certificate of registration

Article 12: Renewal of the certificate of registration

Article 13: Temporary registration of agrochemical

Article 14: Temporary registration of agrochemical

Article 15: Refusal to register an agrochemical

CHAPTER III: REGISTRATION OF PREMISES

Article 16: Structural arrangement of premises

Article 17: Location of premises

CHAPITRE II: ENREGISTREMENT DES PRODUITS AGROCHIMIQUES

Article 8: Demande d'enregistrement d'un produit agrochimique

Article 9: Acceptation de l'enregistrement des produits agrochimiques

Article 10: Données à enregistrer dans le registre des produits agrochimiques

Article 11: Non transfert du certificat d'enregistrement

Article 12: Renouvellement du certificat d'enregistrement

Article 13: Enregistrement provisoire des produits agrochimiques

Article 14: Enregistrement provisoire des produits agrochimiques

Article 15: Refus d'enregistrement d'un produit agrochimique

CHAPITRE III: ENREGISTREMENT DES BATIMENTS

Article 16: Structure des bâtiments

Article 17: Emplacement des bâtiments

<u>Ingingo ya 18:</u> Kurinda abakorera ku nyubako	<u>Article 18:</u> Protection of workers and operators in premises	<u>Article 18:</u> Protection des travailleurs dans les bâtiments
<u>Ingingo ya 19:</u> Ubumenyi tekunike busabwa	<u>Article 19:</u> Required technical knowledge	<u>Article 19:</u> Connaissances techniques requises
<u>Ingingo ya 20:</u> Isabwa ry'iyandikwa ry'inyubako	<u>Article 20:</u> Application for registration of premises	<u>Article 20:</u> Demande d'enregistrement des bâtiments
<u>Ingingo ya 21:</u> Igenzurwa ry'inyubako	<u>Article 21:</u> Inspection of premises	<u>Article 21:</u> Inspection des bâtiments
<u>Ingingo ya 22:</u> Itangwa ry'icyemezo cy'iyandikwa ry'inyubako	<u>Article 22:</u> Issuing a certificate of registration of premises	<u>Article 22:</u> Remise d'un certificat d'enregistrement des bâtiments
<u>Ingingo ya 23:</u> Igihe icyemezo cy'iyandikwa ry'inyubako kimara	<u>Article 23:</u> Duration and renewal of the certificate of registration of premises	<u>Article 23:</u> Durée et renouvellement du certificat d'enregistrement des bâtiments
<u>Ingingo ya 24:</u> Guhagarika cyangwa kwambura agaciro icyemezo cy'iyandikwa ry'inyubako	<u>Article 24:</u> Suspension or cancellation of the certificate of registration of premises	<u>Article 24:</u> Suspension ou annulation du certificat d'enregistrement des bâtiments
<u>UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWO GUCURUZA IMITI N'AMAFUMBIRE</u>	<u>CHAPTER IV: LICENSING OF AGROCHEMICAL DEALERS</u>	<u>CHAPITRE IV: LICENCE DE COMMERCIALISATION DE PRODUITS AGROCHIMIQUES</u>
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibisabwa uwifuza gucuruza imiti n'amafumbire	<u>Article 25:</u> Requirement for agrochemical dealer's license	<u>Article 25:</u> Conditions pour une licence de commercialisation de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 26:</u> Isabwa ry'uruhushya rwo gucuruza imiti n'amafumbire	<u>Article 26:</u> Application for an agrochemical dealer's license	<u>Article 26:</u> Demande d'une licence de commercialisation de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 27:</u> Ijonjorwa ry'abatwiza mu mahanga amafumbire n'imiti bikoreshwa ku nkunga ya Leta	<u>Article 27:</u> Selection of subsidized agrochemical importers	<u>Article 27:</u> Sélection d'importateurs de produits agrochimiques subventionnés
<u>Ingingo ya 28:</u> Gutanga uruhushya rwo gucuruza imiti n'amafumbire	<u>Article 28:</u> Issuance of an agrochemical dealer's license	<u>Article 28:</u> Délivrance de licence de commercialisation de produits agrochimiques

<u>Ingingo ya 29:</u> Igihe uruhushya rwo gucuruza imiti n'amafumbire rumara no kurwongerera igihe	<u>Article 29:</u> Duration and renewal of agrochemical dealer's license	<u>Article 29 :</u> Durée et renouvellement d'une licence de commercialisation de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 30:</u> Ihagarikwa cyangwa iteshwa ry'agaciro by'uruhushya rwo gucuruza imiti n'amafumbire	<u>Article 30:</u> Suspension or cancellation of agrochemical dealer's license	<u>Article 30 :</u> Suspension et annulation d'une licence de commercialisation de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 31:</u> Amabwiriza ahagarika icuruzwa ry'umuti n'ifumbire	<u>Article 31:</u> Instructions of stopping sale of an agrochemical	<u>Article 31 :</u> Instructions d'arrêt de la vente d'un produit agrochimique
<u>Ingingo ya 32:</u> Ubujurire bw'icyemezo cyo guhagarika cyangwa gutesha agaciro uruhushya	<u>Article 32:</u> Appeal against suspension or cancellation of the license	<u>Article 32 :</u> Appel contre la suspension ou l'annulation de la licence
<u>Ingingo ya 33:</u> Amakuru agomba kubikwa	<u>Article 33:</u> Records to be kept	<u>Article 33 :</u> Informations à conserver
UMUTWE WA V: IBIPFUNYIKA, IBIRANGO N'UBWIKOREZI BY'IMITI N'AMAFUMBIRE	CHAPTER V: PACKAGES, LABELS AND TRANSPORTATION OF AGROCHEMICALS	CHAPITRE V: EMBALLAGES, ETIQUETES ET TRANSPORT DE PRODUITS AGROCHIMIQUES
<u>Section One:</u> Ibipfunyika by'imiti n'amafumbire	<u>Section One:</u> Packages of agrochemicals	<u>Section première :</u> Emballages de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 34:</u> Ahapfunyikirwa imiti n'amafumbire	<u>Article 34:</u> Packaging facilities for agrochemicals	<u>Article 34 :</u> Lieu d'emballage des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 35:</u> Iyemezwa ry'igipfunyika	<u>Article 35:</u> Approval of the package	<u>Article 35 :</u> Approbation de l'emballage
<u>Ingingo ya 36:</u> Uko imiti n'amafumbire bipfunyikwa	<u>Article 36:</u> Packaging of agrochemicals	<u>Article 36 :</u> Emballage de produits agrochimiques

<u>Ingingo ya 37:</u> Imikorerwe y'ibipfunyika by'imiti n'amafumbire	<u>Article 37:</u> Production of packages of agrochemicals	<u>Article 37 :</u> Fabrication d'emballages de produits agrochimiques
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibirango by'imiti n'amafumbire	<u>Section 2:</u> Labels of agrochemicals	<u>Section 2 :</u> Etiquettes de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 38:</u> Iyemezwa ry'ibirango by'imiti n'amafumbire	<u>Article 38:</u> Approval of labels of agrochemicals	<u>Article 38:</u> Approbation des étiquettes de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 39:</u> Ibyitonderwa n'amabwiriza byo ku kirango cy'umuti n'ifumbire	<u>Article 39:</u> Warning statements and directives on the label of an agrochemical	<u>Article 39 :</u> Avertissements et directives sur l'étiquette d'un produit agrochimique
<u>Ingingo ya 40:</u> Amakuru agaragazwa ku kirango cy'umuti n'ifumbire	<u>Article 40:</u> Information displayed on agrochemical label	<u>Article 40:</u> Indications portées sur l'étiquette d'un produit agrochimique
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ubwikorezi bw'imiti n'amafumbire	<u>Section 3:</u> Transportation of agrochemicals	<u>Section 3 :</u> Transport des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 41:</u> Gupakira no gupakurura imiti n'amafumbire	<u>Article 41:</u> Loading and unloading of agrochemicals	<u>Article 41 :</u> Chargement et déchargement des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 42:</u> Imidoka itwaye imiti n'amafumbire	<u>Article 42:</u> Vehicles transporting agrochemicals	<u>Article 42 :</u> Véhicules transportant les produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 43:</u> Ubwikorezi bw'imiti n'amafumbire byangiza ibyuma n'ibiturika	<u>Article 43:</u> Transportation of corrosive and explosive agrochemicals	<u>Article 43 :</u> Transport des produits agrochimiques corrosifs et explosifs
<u>UMUTWE WA VI:</u> KWAMAMAZA, KUBIKA, GUKORESHA IMITI N'AMAFUMBIRE	<u>CHAPTER VI:</u> ADVERTISING, STORAGE, USE OF AGROCHEMICALS	<u>CHAPITRE VI:</u> PUBLICITE, STOCKAGE, UTILISATION DES PRODUITS AGROCHIMIQUES
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwamamaza imiti n'amafumbire	<u>Section One:</u> Advertising agrochemicals	<u>Section première :</u> Publicité de produits agrochimiques

<u>Ingingo ya 44:</u> Inyandiko yamamaza umuti n'ifumbire	<u>Article 44:</u> Advertising statements of an agrochemical	<u>Article 44:</u> Annonce publicitaire d'un produit agrochimique
<u>Ingingo ya 45:</u> Ibikubiye mu nyandiko zo kwamamaza	<u>Article 45:</u> Contents of advertising statements	<u>Article 45 :</u> Contenu des messages de publicité
<u>Ingingo ya 46:</u> Iyamamaza ry'imiti n'amafumbire byo kwitondera	<u>Article 46:</u> Advertisement of restricted-use agrochemicals	<u>Article 46 :</u> Publicité des produits agrochimiques à utilisation restreinte
<u>Icyiciro cya 2:</u> Kubika imiti n'amafumbire	<u>Section 2:</u> Storage of agrochemicals	<u>Section 2 :</u> Stockage des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 47:</u> Uburyo imiti n'amafumbire bibikwamo	<u>Article 47:</u> Conditions for storage of agrochemicals	<u>Article 47 :</u> Conditions de stockage des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 48:</u> Inyubako zibikwamo imiti n'amafumbire	<u>Article 48:</u> Premises for storage of agrochemicals	<u>Article 48 :</u> Locaux pour le stockage des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 49:</u> Ububiko bw'imiti n'amafumbire	<u>Article 49:</u> Store of agrochemicals	<u>Article 49 :</u> Stocks de produits agrochimiques
<u>Icyiciro cya 3:</u> Imikoreshereze y'imiti n'amafumbire	<u>Section 3 :</u> Use of agrochemicals	<u>Section 3 :</u> Utilisation des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 50:</u> Kubungabunga ibihingwa n'ibidukijije	<u>Article 50:</u> Protection of crops and environment	<u>Article 50 :</u> Protection des cultures et de l'environnement
<u>Ingingo ya 51:</u> Umutekano mu gukora ku miti n'amafumbire no mu kuyikoresha	<u>Article 51:</u> Safe handling and use of agrochemicals	<u>Article 51:</u> Saine manipulation et utilisation de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 52:</u> Ibyitonderwa mu mikoreshereze y'imiti n'amafumbire	<u>Article 52:</u> Precautions on the use of agrochemicals	<u>Article 52:</u> Précautions sur l'utilisation des produits agrochimiques

UMUTWE WA VII: ISUZUMWA N'IGERAGEZWA N'AMAFUMBIRE	CHAPTER VII: TESTING OF AGROCHEMICALS	CHAPITRE VII : ESSAI DES PRODUITS AGROCHIMIQUES
<u>Ingingo ya 53:</u> Uburyo isuzumwa n'igeragezwa by'imiti n'amafumbire bikorwamo	<u>Article 53:</u> Modalities for laboratory tests and experiments of agrochemicals	<u>Article 53 :</u> Modalités de tests de laboratoire et expérimentation des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 54:</u> Isuzumwa ry'ibigize umuti n'ifumbire bishabutse	<u>Article 54:</u> Assessment of active ingredients of an agrochemical	<u>Article 54 :</u> Examen des composants actifs d'un produit agrochimique
<u>Ingingo ya 55:</u> Isabwa ry'isuzumwa ry'imiti n'amafumbire	<u>Article 55:</u> Application for testing of agrochemicals	<u>Article 55 :</u> Demande pour les essais des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 56:</u> Imyitwarire y'usuzumisha imiti n'amafumbire	<u>Article 56:</u> Behaviour of applicant for testing agrochemicals	<u>Article 56 :</u> Comportement d'un demandeur de test des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 57:</u> Igihe umuti n'ifumbire bigeragezwamo	<u>Article 57:</u> Period for experimenting n agrochemical	<u>Article 57:</u> Période d'expérimentation d'un produit agrochimique
<u>Ingingo ya 58:</u> Amafaranga yerekeranye n'isuzuma ry'imiti n'amafumbire	<u>Article 58:</u> Costs for agrochemical testing	<u>Article 58:</u> Frais pour les essais des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 59:</u> Raporo y'isuzumwa ry'imiti n'amafumbire	<u>Article 59:</u> Report on testing of agrochemicals	<u>Article 59:</u> Rapport de test de produits agrochimiques
UMUTWE WA VIII: IVANWAHO RY'IMITI N'AMAFUMBIRE	CHAPTER VIII: DISPOSAL OF AGROCHEMICALS	CHAPITRE VIII : DESTRUCTION DES PRODUITS AGROCHIMIQUES
<u>Ingingo ya 60:</u> Kumena imiti n'amafumbire kure y'imiyoboro y'amazi cyangwa ibiyaga	<u>Article 60:</u> Dumping agrochemicals away from water courses or lakes	<u>Article 60:</u> Déversement des produits agrochimiques loin de cours d'eau ou des lacs
<u>Ingingo ya 61:</u> Gukusanyiriza hamwe no kuvanaho burundu ibyavuyemo imiti n'amafumbire	<u>Article 61:</u> Collection and disposal of empty agrochemical containers	<u>Article 61:</u> Collecte et destruction des emballages vides des produits agrochimiques

<u>Ingingo ya 62:</u> Isabwa ry'uruhushya rwo kuvanaho imiti n'ifumbire	<u>Article 62:</u> Application for authorization for disposal of agrochemicals	<u>Article 62 :</u> Demande d'autorisation de destruction des produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 63:</u> Itangwa ry'uruhushya rwo kuvanaho imiti n'amafumbire	<u>Article 63:</u> Issuance of authorization for disposal of agrochemicals	<u>Article 63 :</u> Délivrance de l'autorisation de destruction de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 64:</u> Kudatanga uruhushya rw'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire	<u>Article 64:</u> Refusal of authorization for disposal of agrochemicals	<u>Article 64:</u> Refus d'autorisation de destruction de produits agrochimiques
<u>Ingingo ya 65:</u> Ikiguzi cy'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire bikoreshwa mu buhinzi	<u>Article 65:</u> Cost of disposal of agrochemicals	<u>Article 65 :</u> Frais de destruction des produits agrochimiques
<u>UMUTWE WA IX:</u> INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER IX:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IX :</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 66:</u> Igihe cyo kubahiriza iri teka	<u>Article 66 :</u> Compliance period with this Order	<u>Article 66 :</u> Période de conformité au présent arrêté
<u>Ingingo ya 67:</u> Ivanwaho ry'amateka n'ingingo z'amateka binyuranyije n'iri teka	<u>Article 67:</u> Repealing provision	<u>Article 67 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 68:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 68:</u> Commencement	<u>Article 68 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

ITEKA RYA MINISITIRI N°002/11.30 RYO KU WA 14/07/2016 RIGENA AMABWIRIZA AGENGA IMITI N'IFUMBIRE MVARUGANDA	MINISTERIAL ORDER N°002/11.30 OF 14/07/2016 REGULATIONS GOVERNING AGROCHEMICALS	ARRETE MINISTERIEL N°002/11.30 DU 14/07/2016 PORTANT REGISSANT LES PRODUITS AGROCHIMIQUES
---	--	--

Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi;

The Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, 122 n'iya 176 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121,122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 30/2012 ryo ku wa 08/09/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhanzi no mu bworozi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 5, iya 6, iya 17 n'iya 20;

Pursuant to Law n° 30/2012 of 08/09/2012 governing agrochemicals, especially in Articles 4, 5, 6, 17 and 20;

Vu la Loi n° 30/2012 du 08/09/2012 portant utilisation des produits agrochimiques, spécialement en son articles 4, 5, 6, 17 et 20;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 004/11.30 ryo ku wa 15/02/2013 rigena ibisabwa umuntu usaba uruhushya rwo gukora ubucuruzi bw'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhanzi n'ubworozi;

Reviewing the Ministerial Order n° 004/11.30 of 15/02/2013 determining the requirements for obtaining business license of Agrochemicals;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 004/11.30 du 15/02/2013 déterminant les conditions requises pour l'octroi de licence pour la commercialisation des produits agrochimiques ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 005/11.30 ryo ku wa 15/02/2013 rigena amafaranga atangwa ku iyandikishwa ry'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhanzi n'ubworozi;

Reviewing the Ministerial Order n° 005/11.30 of 15/02/2013 determining fees for registration of Agrochemicals.

Revu l'Arrêté Ministériel n° 005/11.30 du 15/02/2013 fixant les frais à payer pour l'enregistrement des produits agrochimiques ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/03/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 29/03/2016;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres en sa séance du 29/03/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS :

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet de ces instructions

Iri teka rigena amabwiriza agenga imiti n'ifumbire mvaruganda, ibisabwa umuntu usaba uruhushya rwo gukora ubucuruzi bw'imiti n'ifumbire n'amafaranga atangwa ku iyandikishwa ry'imiti n'ifumbire.

This Order determines regulations governing agrochemicals, requirements for obtaining business license and fees for registration of Agrochemicals.

Le présent arrêté détermine les règlements régissant les produits agrochimiques, les conditions requises pour l'octroi de licence pour la commercialisation et les frais à payer pour l'enregistrement des produits agrochimiques.

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2 : Définitions

Article 2 : Définitions

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Order, the following terms have the following meanings:

Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **Kwamamaza:** igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kumenyekanisha no guteza imbere, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, igurishwa, ikoresha cyangwa ijugunywa ry'imiti n'amafumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi;

1° **Advertise:** any representation by any means whatever for the purpose of informing the public and promoting directly or indirectly the sale, use or disposal of agrochemicals;

1° **Publicité :** toute chose ayant pour but de donner l'information et de promouvoir directement ou indirectement la vente, l'utilisation ou l'élimination des produits agrochimiques ;

2° **Imiti n'amafumbire:** imiti n'amafumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi iyo ari yo yose, harimo ishwagara ikoresha mu buhinzi, umuti wica indiririzi, umuti wica udhumyo, umuti wica udukoko, umuti wica amashanya, umuti wica ibyatsi, umuti wica uburondwe, umuti wica imbeba n'ibindi byonnyi, umuti wica za mikorobi na

2° **Agrochemicals:** any chemical fertiliser, agricultural lime material, pesticide, fungicide, insecticide, nematocide, herbicide, acaricide, bactericide, rodenticide, molluscicide, growth regulator or any other chemical or material used for agricultural purposes;

2° **Produits agrochimiques :** tout fertilisation chimique, la chaux agricole, pesticide, fongicide, insecticide, nématicide, herbicides, acaricides, bactéricides, rodenticides, molluscicides, régulateur de croissance ou tout autre produit chimique ou le matériel utilisé à des fins agricoles;

bagiteri, imiti yihutisha gukura kw'ibimera cyangwa se indi miti n'ibikoresho bikoreshwa mu buhinzi ;

- 3° **Umucuruzi w'imiti n'amafumbire:** bivuga umuntu wese ugira aho ahurira n'imiti n'amafumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi, harimo abatamiza mu mahanga, abajyana mu mahanga, abagurisha, abadandaza, abahunika, abahungira, abatera imiti, ababikwirakwiza n'undi wese ushobora gukora ibijyanye n'uwo mwuga w'amafumbire;
- 4° **Umuti urogora:** umuti ukoreshwa mu kurwanya ubukana bw'undi muti w'uburozi ;
- 5° **Imiti n'amafumbire byangiza:** imiti cyangwa amafumbire bishobora kwangirika cyangwa imiti n'amafumbire bishobora kwangiza ibintu bibitsemu mu gihe bicyifitemo ubukana;
- 6° **Ibikoresho bibikwamo byangiritse:** ibintu bipfanyikwamo imiti n'amafumbire bikoreshwa mu buhinzi byatoye ingese, byakobotse cyangwa bifite imitutu, imipfundikizo yakwedutse, byataye ibirango cyangwa se ibirango bidasomeka, cyangwa umuti wica udukoko cyangwa ikintu kirimo ifumbire bikoreshwa mu buhinzi gisohora umwuka cyangwa imyotsi y'amazi y'imiti cyangwa ifumbire birimo ;

- 3° **Agrochemical dealer:** any person dealing with agrochemicals, this includes those who import, export, sell, store, retail, fumigate, spray, distribute and any other commercial applicator of agrochemicals;
- 4° **Antidote:** a chemical used to reverse the effects of other poisoning agrochemical;
- 5° **Corrosive agrochemicals:** any substance or agrochemical which degrades substances or chemicals that react with containers during their shelf life;
- 6° **Damaged containers:** agricultural chemical containers that are rusty or corroded or that have leaks, loose lids or have lost labels or are otherwise lacking legible labels, or any pesticide or chemical container letting off gaseous or liquid fumes of the contained agrochemical;

- 3° **Commerçant de produits agrochimiques :** toute personne qui manipule les produits agrochimiques incluant l'importation, exportation, la vente, le stockage, le détail, la fumigation, la pulvérisation, la distribution et tout autre applicateur commercial des produits agrochimiques;
- 4° **Antidote :** un produit chimique utilisé pour neutraliser l'effet d'une autre intoxication chimique agricole ;
- 5° **Produits agrochimiques corrosifs :** les substances, les produits chimiques agricoles, qui dégradent les substances ou les produits chimiques qui réagissent avec des contenants pendant leur durée de vie ;
- 6° **Contenants endommagés :** contenants de produits agrochimiques qui sont rouillés ou corrodés ou qui ont des fuites, ayant des couvercles qui ont lâché ou qui ont perdu des étiquettes ou manquent des étiquettes lisibles, ou tout pesticide ou contenants de produits chimiques qui laissent échapper des vapeurs gazeux ou liquides du produit agrochimique contenu;

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- 7° **Umuti uhungira:** umuti ukoreshwa mu buhinzi, ushobora guhumanya igihe uhindutse umwuka ;
- 8° **Itegeko:** Itegeko n° 30/2012 ryo ku wa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;
- 9° **Igipimo gito gikora:** igipimo gito gishoboka cy'umuti cyangwa ifumbire ikoreshwa mu buhinzi gikenewe kugira ngo kirwanye icyonnyi kigaragazwa n'umubare ugomba uherekejwe n'ibisobanuro by'uburyo ukoreshwamo byatanzwe n'uwawukoze ;
- 10° **Igipfunyika:** ikintu cyose gitwarwamo, gipfunyikwamo, gitwikira umuti cyangwa ifumbire bikoreshwa mu buhinzi byuzuye cyangwa bicagase, kubitsemo, gipfunyitsemo cyangwa byongeye gupfunyikwamo ;
- 11° **Umuti n'ifumbire bitinda mu butaka:** umuti cyangwa ifumbire ikoreshwa mu buhinzi iguma mu butaka igihe kirekire kirenze icyo wagenewe kugiramo akamaro, ikaba yakwanduzwa ibidukikije ;
- 12° **Umuntu:** umuntu ku giti cye, isosiyeti cyangwa ikigo, kandi amagambo nk'umuntu usaba akoreshwa hakurikijwe ijambo ryakoreshwe mbere ;
- 7° **Fumigant:** any agricultural chemical exhibiting toxicity in the vapour phase;
- 8° **Law:** the Law n° 30/2012 of 01/08/2012 governing agrochemicals;
- 9° **Minimum effective dose:** the least quantity of an agrochemical required to bring about effective control of the pest; the figure is accompanied with a statement giving the methods and conditions of experimentation when the minimum dose was made;
- 10° **Package:** any container, wrapping, covering or holder in which any agrochemical is wholly or partly contained, placed, packed or repacked;
- 11° **Persistent agrochemical:** any agrochemical which when applied remains active in the soil longer than the period of the intended effectiveness leading to environmental contamination;
- 12° **Person:** an individual, a firm or a company; and references to an applicant is construed accordingly;
- 7° **Fumigeant:** tout produit chimique agricole présentant une toxicité dans la phase vapeur ;
- 8° **Loi:** la Loi n° 30/2012 du 01/08/2012 portant utilisation des produits agrochimiques ;
- 9° **Dose efficace minimale :** petite quantité d'un produit chimique agricole nécessaire pour apporter un contrôle efficace de l'organisme nuisible, le chiffre doit être accompagnée d'une déclaration indiquant les modalités et les conditions de l'expérimentation lorsque la dose minimale a été faite ;
- 10° **Paquet :** tout contenant, emballage et couvrant dans laquelle tout produit chimique agricole est en totalité ou en partie réservée, placé, emballé ou réemballé ;
- 11° **Produit chimique agricole persistant :** tout produit chimique qui, lorsqu'il est appliqué reste actif dans le sol plus longtemps que la période de l'efficacité déterminée menant à la contamination de l'environnement ;
- 12° **Personne :** un particulier, une entreprise ou une société, et les références à un " demandeur " doit être utilisé suivant le mot précédent ;

13° **Igihe gisabwa kugira ngo ibihingwa byatewe umuti bisarurwe:** igihe kiri hagati yo gutera bwa nyuma umuti wica udukoko n'igihe ibihingwa wateweho biba bishobora gusarurwa kandi bigahita bikoreshwa cyangwa bikaribwa ntibigire ingaruka mbi;

14° **Inyubako:** ahantu aho ari ho hose hagizwe n'imodoka, ubwato, gari ya moshi, indege cyangwa inyubako ;

15° **Imyambaro yo kwirinda:** umwambaro ugaragazwa ku kirango kiboneka ku kintu gipfunyitsemu umuti cyangwa ifumbire ikoreshwa mu buhinzi, ukaba usabwa kugira ngo urinde ukoresha umuti cyangwa ifumbire ;

16° **Igihe gisabwa kugira ngo ahatewe umuti hongere gukorerwa:** igihe gisabwa kugira ngo ahantu hatewe umuti habe hakongerwa gukorerwa nta ngaruka zivuye kuri uwo muti ziharangwa ;

17° **Umwanditsi:** Umwanditsi w'imiti n'amafumbire;

18° **Uhungira wemewe:** umuntu ufite ubumenyi busabwa mu gukoresha imiti n'amafumbire bikoreshwa mu buhinzi kandi wanditse nk'uhungira imyaka ;

13° **Pre-harvest interval:** the period between the last pesticide application and the safe harvesting of crops for immediate use or consumption;

14° **Premises:** any place that includes a vehicle, vessel, railway carriage, aircraft and building;

15° **Protective clothing:** all wear stipulated on the label on the container that is required to protect the user or dealer of the agricultural chemical;

16° **Re-entry period:** the time following agricultural chemical application after which it is safe to work in the treated environment;

17° **Registrar:** Registrar of agrochemicals

18° **Registered fumigator or operator:** a person who has the prescribed qualifications in agricultural chemical application and is registered as a fumigator or operator;

13° **Intervalle avant la récolte :** la période entre la dernière application de pesticide et la récolte des cultures en toute sécurité pour l'utilisation ou à la consommation immédiate ;

14° **Bâtiments :** tout lieu qui comprend un véhicule, un navire, le transport ferroviaire, les avions et les bâtiments ;

15° **Vêtements de protection :** tous habits indiqués sur l'étiquette du récipient qui sont nécessaires pour protéger l'utilisateur ou le revendeur du produit chimique agricole ;

16° **Temps nécessaire pour la réutilisation :** le temps suivant l'application du produit agrochimique, après lequel il est sûr de réutiliser l'endroit traité ;

17° **Registraire :** Registraire de produits agrochimiques ;

18° **Fumigateur ou opérateur enregistré :** une personne qui a les qualifications prescrites dans l'utilisation de produits agrochimiques et est enregistré comme un fumigateur ou opérateur ;

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

19° **Umutekano:** umutekano w'abantu, amatungo, ibimera, ibihingwa, inyoni, amafi n'ibindi binyabuzima n'amazi yo mu nda y'isi, ikirere n'ibidukikije muri rusange ;

20° **Igihe cy'ubuzima:** igihe umuti cyangwa ifumbire ikoresheya mu buhinzi imara ikifitemo ubumara ;

21° **Iduka:** ahantu imiti n'amafumbire bicururizwa;

22° **Ubumenyigiro:** ubumenyi abacuruzi bazobereye mu by'imiti n'amafumbire babifitemo;

23° **Imiti n'amafumbire bitumuka:** imiti yica udukoko cyangwa amafumbire bizamura umwuka cyangwa umwotsi mu gihe hatariho ubushyuhe;

19° **Safety:** the safety of human beings, livestock, plants, game birds, fish, other organisms, ground water, air and the general environment;

20° **Shelf life:** the period an agricultural chemical remains active;

21° **Shop:** a place where agrochemicals are sold;

22° **Technical knowledge:** knowledge characterizing certified agrochemical dealers;

23° **Volatile chemicals:** those chemicals or pesticides that form vapours at normal temperature and pressure;

19° **Sécurité :** la sécurité des êtres humains, le bétail, les plantes, les oiseaux, les poissons, les autres organismes et les eaux souterraines, l'air et l'environnement en général ;

20° **Durée de vie :** la période un produit chimique agricole reste active ;

21° **Magasin :** endroit où les produits agrochimiques sont vendus

22° **Connaissances techniques :** les connaissances dont disposent les commerçants formés dans le domaine des produits agrochimiques;

23° **Produits chimiques volatils :** les produits chimiques ou pesticides qui forment des vapeurs à température et pression normales ;

Ingingo ya 3: Itumizwa ry'imiti n'amafumbire bitanditswe

Umwanditsi, amaze kugisha inama Inama Ngishwanama, ashobora kwemera itumizwa ry'umuti n'ifumbire bitanditswe iyo:

1° umuti n'ifumbire bitumijwe kubera impamvu zo gukora igeragezwa cyangwa ubushakashatsi atari ibyo gukwirakwiza mu bantu;

Article 3: Importation of unregistered agrochemical

The registrar of agrochemicals, after consulting the Advisory Council, may authorize the importation of unregistered agrochemical if:

1° the agrochemical is imported for experimental or research purposes and not for distribution;

Article 3: Importation de produits agrochimiques non enregistrés

Le registraire de produits agrochimiques, après consultation du Conseil consultatif, peut autoriser l'importation de produit agrochimique non enregistré si:

1° le produit agrochimique est importé à des fins expérimentales ou de recherche et non pour la distribution,

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 2° umuti n'ifumbire bitumijwe mu bihe bidasanzwe kandi byihutirwa; | 2° the agrochemical is imported in the event of emergency; | 2° le produit agrochimique est importé en cas d'urgence ; |
| 3° umuti n'ifumbire binyuzwa mu Rwanda kandi Inama Ngishwanama ibona ko byemerewe kwinjizwa mu gihugu bijyanywemo; | 3° the agrochemical is in transit through Rwanda and the Advisory Council is satisfied that it is permitted to enter the country of destination; | 3° le produit agrochimique est en transit au Rwanda et le Conseil consultatif est convaincu que le produit agrochimique est autorisé à entrer dans le pays de destination ; ou |
| 4° Minisitiri ufite w'imiti n'amafumbire mu nshingano ze asabye ko umuti n'ifumbire bitumizwa mu mahanga. | 4° the Minister in charge of agrochemical recommends for the importation of the agrochemical. | 4° le Ministre ayant les produits agrochimiques dans ses attributions recommande l'importation du produit agrochimique. |

Ingingo ya 4: Urutonde rw'imiti n'amafumbire byemewe n'ibibujijwe

Urutonde rw'imiti n'amafumbire byemewe n'urutonde rw'imiti n'amafumbire bibujijwe gukoreshwa mu Rwanda ziri ku mugereka wa I w'iri teka.

Umwanditsi w'imiti n'amafumbire ashobora kuvugurura urutonde rw'imiti n'amafumbire byemewe n'urutonde rw'imiti n'amafumbire bibujijwe gukoreshwa mu Rwanda igihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 5: Igabanywa n'ikumira ry'imkoreshwa ry'umuti n'ifumbire

Umwanditsi, amaze kugisha inama Inama Ngishwanama, ashobora gukumira cyangwa kubuza

Article 4: Lists des registered and prohibited agrochemicals

The list of registered agrochemicals and the list of prohibited agrochemicals in Rwanda are in annex I of this Order.

The registrar may review the list of registered agrochemicals and the list of prohibited agrochemicals when considered necessary.

Article 5: Restriction or prohibition of use of an agrochemical

The Registrar, upon consultation with the Advisory Council, may restrict or prohibit the

Article 4 : Listes des produits agrochimiques enregistrés et interdits

La liste des produits agrochimiques enregistrés et la liste des produits agrochimiques interdits au Rwanda sont en annexe I du présent arrêté.

Le registraire peut revoir la liste des produits agrochimiques enregistrés et la liste des produits agrochimiques interdits s'il s'avère nécessaire.

Article 5 : Restriction et interdiction d'utilisation d'un produit agrochimique

Le Registraire peut, après avis du Conseil Consultatif, restreindre ou interdire l'utilisation

ikoresha mu gice runaka no mu bihe bigenwe ry'umuti n'ifumbire byandstwe.

Ingingo ya 6: Ihindurwa ry'umuti n'ifumbire

Nta wemerewe guhindura imivangire y'umuti n'ifumbire byanditswe, ibibigize, imikoreshereze yabyo cyangwa kugira ibindi abihinduraho uko ari kwo kwose.

Ingingo ya 7: Ikorwa ry'imiti n'amafumbire bitanditswe

Umwanditsi w'imiti n'ifumbire, amaze kugirwa inama n'Inama Ngishwanama ashobora kwemera ikorwa ry'umuti n'ifumbire bitanditse byo kohereza mu mahanga iyo:

- 1° umuti n'ifumbire bikozwe hakurikijwe ibibiranga by'ubitumiza;
- 2° Iyo ibiranga umuti n'ifumbire byujuje ibya ngombwa bisabwa mu gihugu bizoherezwamo.

UMUTWE WA II: IYANDIKWA RY'IMITI N'AMAFUMBIRE

Ingingo ya 8: Gusaba iyandikwa ry'umuti cyangwa ifumbire

Umuntu wese wifuzwa kwandikisha umuti n'ifumbire iyo ari yo yose ashyikiriza umwanditsi w'imiti

use in a designated area and for a specified periods of a registered agrochemical.

Article 6: Alteration of an agrochemical

No person shall alter the formulation, composition or use of a registered agrochemical or alter it in any other manner.

Article 7: Manufacture of unregistered agrochemicals

The registrar, acting on the advice of the Advisory Council, may authorize the manufacture of unregistered agrochemical for export if:

- 1° the agrochemical is manufactured in accordance with specifications provided by the importer; or if
- 2° the specifications of the agrochemical satisfy the requirements applicable for the purpose in the country of exportation.

CHAPTER II: REGISTRATION OF AGROCHEMICALS

Article 8: Application for registration of agrochemical

Any person seeking to register any agrochemical submits to the Registrar a written application for

dans une zone déterminée et pour de périodes spécifiées d'un produit agrochimique enregistré.

Article 6 : Altération d'un produit agrochimique

Nul ne peut altérer la formulation, la composition ou le mode d'utilisation d'un produit agrochimique enregistré ni le modifier en aucune autre manière.

Article 7: Fabrication d'un produit agrochimique non enregistré

Le registraire, agissant sur les conseils du Conseil consultatif, peut autoriser la fabrication d'un produit agrochimique non enregistré pour l'exportation si :

- 1° le produit agrochimique est fabriqué conformément aux spécifications fournies par l'importateur ; ou si
- 2° les spécifications des produits agrochimiques remplissent les normes applicables à cet effet dans le pays d'exportation.

Section première : Emballages de produits agrochimiques

Article 34 : Lieu d'emballage des produits agrochimiques

L'emballage et le ré-emballage des produits agrochimiques sont effectués uniquement dans des

bâtiments enregistrés conformément aux dispositions du présent arrêté.

Ingingo ya 35: Iyemezwa ry'igipfunyika

Gusaba kwemerwa kw'igipfunyika cy'umuti n'ifumbire bikorwa mu nyandiko yohererezwa Inama Ngishwanama.

Usaba kwemerwa kw'igipfunyika atanga urugerongiro rw'igipfunyika, amakuru ku miterere yacyo n'uruhushya rwa nyir'umuti n'ifumbire rwo kubipfunyika cyangwa kubipfunyika bundi bushya.

Igipfunyika cy'umuti n'ifumbire cyemezwa n'Inama Ngishwanama.

Ingingo ya 36: Uko imiti n'amafumbire bipfunyikwa

Ukora imiti n'ifumbire cyangwa uyipfunyika bundi bushya asuzuma niba igipfunyika kizaramba, giteguwe kandi gikozwe ku buryo kibika neza umuti n'ifumbire kandi kubyereka abaguzi, kubitwara, no kubikwirakwiza bikaba byoroshye.

Ingingo ya 37: Imikorere y'ibipfunyika by'imiti n'amafumbire

Ukora ibipfunyika by'imiti n'amafumbire abikora mu buryo kirinda ibirimo kwangirika cyangwa guhinduka biturutse ku mihindagurikire y'ikirere

Article 35: Approval of the package

Application for approval of the package is done in writing and addressed to the Advisory Council.

The applicant for approval of the package submits a sample of the package, details of its nature and authorization of packaging/re-packaging from the manufacturer of the agrochemical.

The package of an agrochemical is approved by the Advisory Council.

Article 36: Packaging of agrochemicals

A manufacturer or person repacking agrochemicals ensures that the package of an agrochemical is durable, designed and made so as to contain the agrochemical safely under practical conditions of storage, display, transportation and distribution.

Article 37: Production of packages of agrochemicals

A producer of packages of agrochemicals makes them in such a manner as to minimize the degradation or change of their contents resulting

Article 35 : Approbation de l'emballage

La demande d'approbation de l'emballage d'un produit agrochimique se fait par un écrit adressé au Conseil Consultatif.

Le demandeur d'approbation d'un emballage de produit agrochimique soumet un échantillon de l'emballage, les détails de sa nature et l'autorisation d'emballage ou ré-emballage du fabricant du produit agrochimique.

L'emballage d'un produit agrochimique est approuvé par le Conseil Consultatif.

Article 36 : Emballage de produits agrochimiques

Le fabricant ou celui qui réemballe les produits agrochimiques veiller à ce que l'emballage d'un produit agrochimique soit durable, conçu et fabriqué de manière à contenir le produit agrochimique en toute sécurité dans des conditions pratiques de stockage, d'exposition, de transport et de distribution.

Article 37 : Fabrication d'emballages de produits agrochimiques

Le producteur d'emballages de produits agrochimiques les fait de telle manière à réduire au minimum la dégradation ou la modification de

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

cyaho biri cyangwa biturutse ku ngaruka z'imirasire y'izuba cyangwa ku bundi buryo.

from interaction with the atmosphere or from the effects of radiation or other means.

leur contenu résultant de l'interaction avec l'atmosphère ou des effets du rayonnement ou d'autres phénomènes.

Ibipfunyika by'imiti n'amafumbire bikorwa hibandwa kuri ibi bikurikira:

The packages of agrochemicals are made upon consideration of the following:

Les emballages de produits agrochimiques sont faits en tenant compte de ce qui suit :

1° udupfunyika tunyuranye dukorwa dushobora gukoreshwa nta mbogamizi n'abahinzi borozi baciriritse n'abandi badukoresha;

1° the range of packages provided can be safely and appropriately used by small scale farmers and other users;

1° la gamme d'emballages offerts peut être utilisé en toute sécurité et de manière appropriée par les petits agriculteurs et les autres utilisateurs;

2° kuvana mu gipfunyika ibirimo byose cyangwa bimwe muri byo bishobora gukorwa mu buryo butabangamira ugikoresha ;

2° the withdrawal of any or all of the contents from the packages can be carried out in a manner that is safe to the user; and

2° Le retrait de l'emballage de tout ou partie du contenu peut être effectué sans danger pour l'utilisateur; et

3° igipfunyika gifungika ku buryo kibika umuti n'ifumbire mu buryo bwizewe mu bihe bisanzwe.

3° the closing of the package is done in a manner that it contains the agrochemical satisfactorily under practical conditions.

3° L'emballage se ferme de manière à contenir le produit agrochimique de façon satisfaisante dans les conditions pratiques.

viciro cya 2: Ibirango by'imiti n'amafumbire

Section 2: Labels of agrochemicals

Section 2 : Etiquettes de produits agrochimiques

Ingingo ya 38: Iyemezwa ry'ibirango by'imiti n'amafumbire

Article 38: Approval of labels of agrochemicals

Article 38: Approbation des étiquettes de produits agrochimiques

Ibirango by'imiti n'amafumbire bivangiwe, bipfunyikiwe cyangwa bipfunyikiwe bundi bushya mu Rwanda, byemerwa n'Inama Ngishwanama.

Labels of agrochemicals formulated, packaged or re-packaged in Rwanda are approved by the Advisory Council.

Les étiquettes de produits agrochimiques mélangés, emballés ou réemballés au Rwanda, sont approuvées par le Conseil Consultatif.

Ingingo ya 39: Ibyitonderwa n'amabwiriza byo ku kirango cy'umuti n'ifumbire

Ikirango gishyirwa ku muti n'ifumbire kigomba kuba kiriho ibyitonderwa cyangwa amabwiriza ntarengwa ku buryo bwo kubikoresha bya ngombwa kugira ngo ubuzima bw'abantu, ubw'inyamaswa, ub'ibimera, ibinyabuzima byo mu mazi, ubutaka, amazi, umwuka n'ibidukikije muri rusange bibungabungwe.

Ingingo ya 40: Amakuru agaragazwa ku kirango cy'umuti n'ifumbire

Ku kirango cy'umuti n'ifumbire hagaragaraho amakuru y'ingenzi akurikira :

- 1° Izina ry'umuti n'ifumbire ;
- 2° Izina na aderesi by'uruganda rwakoze umuti n'ifumbire ;
- 3° Itariki byakoreweho n'iyi bizarangirizaho igihe;
- 4° Ijanisha ku bintu by'ingenzi bikoze umuti n'ifumbire n'igipimo cy'ubuziranenge ;
- 5° Aho byaturutse hemewe iyo ari ishwaraga ikorehwa mu buhinzi;
- 6° Uburemere bwite bw'umuti n'ifumbire;
- 7° Ubutare mu buryo bw'ijanisha ry'ibiro buri mu bigize umuti n'ifumbire, mu mibare yuzuye cyangwa umubare umwe inyuma

Article 39: Warning statements and directives on the label of an agrochemical

A label of an agrochemical must contain warning statements or prohibiting directives on use which may be necessary to protect human life, animals, plant, aquatic life, soil, air, water and environment in general.

Article 40: Information displayed on agrochemical label

On an agrochemical labelis displayed the following main information:

- 1° Name of the agrochemical;
- 2° Name and address of the manufacturer ;
- 3° Manufacturing and expiry date;
- 4° Percentages of main nutrient elements and grade;
- 5° Registered source in case of agricultural lime product;
- 6° Net weight of the product;
- 7° Trace elements content in percentage by weight in whole numbers or to one decimal place for agrochemicals

Article 39 : Avertissements et directives sur l'étiquette d'un produit agrochimique

L'étiquette d'un produit agrochimique doit contenir des avertissements et des directives prohibitives sur le mode d'emploi nécessaires pour la protection des vies humaines, des animaux, des plantes, de la vie aquatique, des sols, de l'air, de l'eau et de l'environnement en général.

Article 40: Indications portées sur l'étiquette d'un produit agrochimique

Sur l'étiquette d'un produit agrochimique figurent les indications essentielles suivantes :

- 1° Nom du produit agrochimique;
- 2° Nom et adresse du fabricant;
- 3° Date de production et d'expiration;
- 4° Pourcentages des substances principales composant du produit;
- 5° Source enregistrée de la matière première en cas de chaux agricole ;
- 6° Poids net du produit;
- 7° Oligoéléments contenu en pourcentage de poids, en un nombre ordinaire ou, le cas échéant, en nombre avec un décimal pour

y'akitso ku muti n'ifumbire irimo ubutare bw'ubwoko bumwe iyo bishobotse;

8° Amoko y'ubutare buri mu bigize umuti n'ifumbire mu nyuguti ndetse n'ibimenyetso by'ubutabire byabwo.

Icyiciro cya 3: Ubwikorezi bw'imiti n'amafumbire

Ingingo ya 41: Gupakira no gupakurura imiti n'amafumbire

Imiti n'ifumbire bipakirwa biri mu bipfunyika bitangiritse, bifunze neza, biriho ikirango kandi bitigeze bikoreshwa.

Imiti n'ifumbire bipakirwa kandi bigapakuruwa n'umuntu wambaye imyambaro yo kwirinda nk'uko biba biteganyijwe ku kirango.

Ingingo ya 42: Imidoka itwaye imiti n'amafumbire

Imodoka yose itwaye imiti n'amafumbire itwara gusa imiti n'amafumbire bihuje imiterere kandi ikagaragaza ibimenyetso n'ibirango byerekana ububi bw'imiti n'ifumbire itwaye.

containing only one trace element if applicable;

8° Trace elements of the agrochemical both in words and by appropriate chemical symbols.

Section 3: Transportation of agrochemicals

Article 41: Loading and unloading of agrochemicals

Agrochemicals are loaded in non-damaged, well closed, properly labelled and never been used containers.

Agrochemicals are loaded and unloaded while wearing protective clothing as stipulated on the label.

Article 42: Vehicles transporting agrochemicals

Any vehicle transporting agrochemicals carries only chemicals of the same nature and displays signs and labels stating the hazardous nature of the transported agrochemicals.

un produit agrochimique avec un seul oligoélément ;

8° Oligoéléments en lettres ou par des symboles chimiques contenus dans un produit agrochimique.

Section 3: Transport des produits agrochimiques

Article 41 : Chargement et déchargement des produits agrochimiques

Les produits agrochimiques sont chargés dans des emballages intacts, bien fermés, correctement étiquetés et n'ayant jamais été utilisés.

Le chargement et le déchargement des produits agrochimiques se font alors qu'on porte des vêtements de protection comme stipulé sur l'étiquette.

Article 42 : Véhicules transportant les produits agrochimiques

Tout véhicule chargé de produits agrochimiques transporte uniquement des produits chimiques de même nature et il est affiché dessus des signes et des étiquettes indiquant la nature dangereuse des produits agrochimiques transportés;

Ingingo ya 43: Ubwikorezi bw'imiti n'amafumbire byangiza ibyuma n'ibiturika

Imiti n'amafumbire byangiza ibyuma bitwarwa mu bipfunyika bya plastiki ;

Imiti n'amafumbire biturika bitwarwa mu bukonje.

UMUTWE WA VI: KWAMAMAZA, KUBIKA, GUKORESHA IMITI N'AMAFUMBIRE

Icyiciro cya mbere: Kwamamaza imiti n'amafumbire

Ingingo ya 44: Inyandiko yamamaza umuti n'ifumbire

Inyandiko yose yo kwamamaza umuti n'ifumbire igomba kuba ishingiye ku bimenyetso bya tekini bigaragaza ukuri kw'ibiyikubiyemo bifitwe n'umuntu ukora ako kazi.

Ingingo ya 45: Ibikubiye mu nyandiko zo kwamamaza

Uwamamaza umuti n'ifumbire akoresha amagambo cyangwa akarekana amashusho adateye urujijo, asobanutse nta makabyankuru ku buryo bitayobya abaguzi by'umwihariko ku birebana no kwirinda impanuka zaterwa n'imiti n'amafumbire, ku miterere yabyo cyangwa ku bibigize, ku uko bikwiriye gukoreshwa cyangwa uko byashyizwe ahagaragara cyangwa byemejwe.

Article 43: Transportation of corrosive and explosive agrochemicals

Corrosive agrochemicals are transported in plastic containers.

Explosive agrochemicals are transported under cool conditions.

CHAPTER VI: ADVERTISING, STORAGE, USE OF AGROCHEMICALS

Section One: Advertising agrochemicals

Article 44: Advertising statements of an agrochemical

Any statement used in advertising an agrochemical is technically substantiated by the person carrying out the advertisement.

Article 45: Contents of advertising statements

An advertiser of an agrochemical uses statement or visual presentation without omission, ambiguity or exaggerated claim that could mislead the buyer in particular with regard to the safety of the agrochemical, its nature or composition, suitability for use or official recognition or approval.

Article 43 : Transport des produits agrochimiques corrosifs et explosifs

Les produits agrochimiques corrosifs sont transportés dans des récipients en plastique.

Les produits agrochimiques explosifs sont transportés dans des conditions froides.

CHAPITRE VI: PUBLICITE, STOCKAGE, UTILISATION DES PRODUITS AGROCHIMIQUES

Section première : Publicité de produits agrochimiques

Article 44 : Annonce publicitaire d'un produit agrochimique

Toute annonce utilisée dans la publicité d'un produit agrochimique est appuyée de justifications techniques de la véracité de son contenu de la part de la personne chargée de la publicité ;

Article 45 : Contenu des messages de publicité

Une personne qui fait de la publicité d'un produit agrochimique utilise des termes ou fait une présentation visuelle sans omission, ambiguïté ni exagération pouvant induire en erreur l'acheteur, en particulier en ce qui concerne la sécurité du produit agrochimique, sa nature ou sa composition, la pertinence de son utilisation ou de reconnaissance ou d'approbation officielle.

Inyandiko yose yo kwamamaza imiti n'amafum bire igomba kuba ihuye n'amakuru yatanzwe mu gihe cy'iyandikisha ry'imiti n'amafum bire bikoreshwa mu buhinzi.

Ingingo ya 46: Iyamamaza ry'imiti n'amafum bire byo kwitondera

Imiti n'amafum bire bisabwa kwitonderwa ntabwo bigomba kwamamazwa keretse Inama Ngishwanama ibitangiye uburenganzira.

Icyiciro cya 2: Kubika imiti n'amafum bire

Ingingo ya 47: Uburyo imiti n'amafum bire bibikwamo

Umucuruzi w'imiti n'amafum bire agomba kubika kandi akadandaza imiti n'amafum bire bye hakurikijwe ibigaragara ku kirango cya buri kintu.

Ingingo ya 48: Inyubako zibikwamo imiti n'amafum bire

Inyubako ibikwamo imiti n'amafum bire igomba kuba yujuje ibisabwa bikurikira:

- 1° kuba iri ukwayo, yaragenewe kubikwamo imiti n'amafum bire gusa kandi ishobora gufungwa bikomeye;

Any statement of advertisement of an agrochemical is in conformity with the information supplied during the registration of the agrochemical.

Article 46: Advertisement of restricted-use agrochemicals

An agrochemical whose use is restricted shall not be advertised except when permitted by the Advisory Council.

Section 2: Storage of agrochemicals

Article 47: Conditions for storage of agrochemicals

Any agrochemical dealer shall store and display his/her agrochemicals in accordance with conditions indicated on the respective label.

Article 48: Premises for storage of agrochemicals

Premises on which agrochemicals are stored conform to the following requirements:

- 1° to be separate, strictly for the purpose of storage of the agrochemicals and securely lockable;

Toute déclaration publicitaire d'un produit agrochimique doit être en conformité avec les informations fournies lors de l'enregistrement du produit agrochimique.

Article 46 : Publicité des produits agrochimiques à utilisation restreinte

Un produit agrochimique dont l'utilisation est restreinte ne peut pas faire l'objet de publicité, sauf si le Conseil Consultatif l'autorise.

Section 2 : Stockage des produits agrochimiques

Article 47 : Conditions de stockage des produits agrochimiques

Tout commerçant de produits agrochimiques doit stocker et étaler ses produits agrochimiques conformément aux conditions indiquées sur l'étiquette respective.

Article 48 : Locaux pour le stockage des produits agrochimiques

Le local de stockage des produits agrochimiques est conforme aux exigences suivantes :

- 1° être séparé d'autres locaux, strictement réservé au stockage de produits agrochimiques et solidement verrouillé;

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 2° kutabikwamo ibiribwa, ibiryo by'amatungo n'amazi no kutaryamwamo n'abantu cyangwa amatungo; | 2° not to keep food, feeds and drinking water in it, nor use it as a sleeping house for human beings, animals or livestock; | 2° ne pas y garder de la nourriture, des aliments et de l'eau potable, ni s'en servir comme maison d'habitation pour les êtres humains, les animaux ou le bétail ; |
| 3° kuba ifite ibikoresho bizimya inkongi y'umuriro, ibarizo, umucanga kandi aho iri hagerwa n'imodoka mu buryo bworoshye; | 3° to have fire-fighting equipment, sawdust or wood dust material and direct and easy access to vehicles; | 3° disposer d'un équipement anti-incendie, du sable, de la sciure et avoir un accès direct et facile pour des véhicules ; |
| 4° ifite ibipfunyika bya plastike bikwiranye cyo gufata imiti n'amafumbire byamenetse n'ibyananyagiye cyangwa imyanda ifitanye isano na byo; | 4° to have appropriate plastic containers to contain agrochemical leakages and spillages or related chemical wastes | 4° disposer de contenants en plastique appropriées pour contenir les déversements, les fuites accidentelles de produit agrochimiques ou les déchets chimiques apparentes ; |
| 5° kuba itandukanye n'aho abakozi bakorera n'aho bacumbika; | 5° to be separate from office and accommodation for staff; | 5° être séparés des bureaux et des logements pour le personnel; |
| 6° kuba hasi mo imbere haringaniye neza na sima cyangwa ibindi bikoresho ku buryo umuti n'ifumbire bivuye bitinjira mu butaka; | 6° to have its floor of smooth concrete or with other impervious material so that agrochemical spills are not absorbed by the soil; | 6° avoir son plancher en béton lisse ou en d'autres matériaux étanches afin que les déversements des produits agrochimiques ne soient pas absorbés par le sol ; |
| 7° kuba beto na sima biyizengurutse hanze ari bimwe n'ibiyizengurutseimbere ku buryo ibirimo bigumamo igihe habaye inkongi y'umuriro cyangwa hagize ibimenekamo; | 7° to be surrounded outside by concrete bands similar to that of the outside to sufficiently contain the contents in case of fire or spillage; | 7° être entouré à l'extérieur des bandes de béton similaires à celles de l'intérieur pour permettre d'abriter suffisamment son contenu en cas d'incendie ou de déversement ; |
| 8° kuba inkuta zayo z'imbere zigomba kuba ziringaniye, zidasadutse, zinogeje kandi kuzikorera isuku byoroshye; | 8° to have the internal walls smooth and free from cracks and ledges and easy to clean; | 8° avoir ses parois internes lisses et exemptes de fissures et de corniches et facile à nettoyer ; |
| 9° kuba amadirishya n'inzira zicamo umuyaga bitari aho abatabyemerewe binjirira kandi | 9° to have windows and ventilators barred against unauthorized entry and shaded to | 9° avoir des fenêtres et des voies d'aération dont l'entrée non autorisée est interdite et qui sont ombrées de sorte à empêcher la |

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

byijimye kugira ngo urumuri rutangiza imiti n'amafumbire;	prevent light from degrading the agrochemicals;	lumière de dégrader les produits agrochimiques ;
10° kuba harimo umwanya uhagije wo kubikamo ibipfunyika birimo ubusa n'ibyangiritse, ibyavuye n'ibyangirije igihe bitegereje kivanwaho;	10° there must be sufficient space for storing empty and damaged containers, spills of chemicals and out-of-date stocks awaiting disposal;	10° y avoir de l'espace suffisant pour stocker emballages vides, endommagés, les déversements de produits chimiques et des stocks périmés en attente de destruction ;
11° kuba ifite ibimenyetso biburira abantu nka "UBUROZI BUKAZE" cyangwa "UMUNTU UBIFITIYE URUHUSA GUSA" bitewe n'imiti n'amafumbire bibitswemo.	11° to have warning signs such as "DANGER: POISON" or "AUTHORISED PERSONS ONLY"; depending on the types of agrochemicals stored therein.	11° porter des signes d'alerte tels que «DANGER: POISON» ou «PERSONNES AUTORISEES SEULEMENT" selon les types de produits agrochimiques stockés.

Ingingo ya 49: Ububiko bw'imiti n'amafumbire

Ububiko bw'imiti n'amafumbire bwubahiriza ibi bikurikira:

- 1° guhora bufunze mu gihe budakoreshwa ;
- 2° kurindwa ubushyuhe bwinshi;
- 3° kuba bwumutse, bufite umwuka uhagije n'amazi akonje ahagije;
- 4° kuba imiti n'amafumbire bibitswe ku mbaho zabugenewe hejuru y'ubutaka;
- 5° kuba abana, abagore batwite n'abandi batabyerewe batemerewa kubwinjiramo.

Article 49: Store of agrochemicals

Stores of agrochemicals conform to the following requirements:

- 1° to be locked whenever not being used;
- 2° to be protected against overheating;
- 3° to be kept dry, ventilated and with sufficient supply of cold water;
- 4° to keep agrochemicals stored on stands raised above ground;
- 5° not to allow children, pregnant women and other unauthorized persons to enter into it;

Article 49 : Stocks de produits agrochimiques

Les stocks de produits agrochimiques sont soumis à des exigences suivantes:

- 1° être verrouillés chaque fois qu'ils ne sont pas utilisés;
- 2° être protégés contre la surchauffe;
- 3° être gardés secs, aéré et avec de l'eau froide en suffisance ;
- 4° entreposer les produits agrochimiques sur des palettes appropriées posées au-dessus du plancher ;
- 5° ne pas autoriser les enfants, les femmes enceintes et autres personnes non autorisées à y entrer.

Icyiciro cya 3: Imikoreshereze y'imiti n'amafumbire

Ingingo ya 50: Kubungabunga ibihingwa n'ibidukijije

Mu rwego rwo kubungabunga ibihingwa n'ibidukijije, imiti n'amafumbire bikoreshwa gusa icyo byagenewe kandi hakurikijwe amabwiriza n'uburyo bigaragara ku kirango.

Ingingo ya 51: Umutekano mu gukora ku miti n'amafumbire no mu kuyikoresha

Umucuruzi w'imiti n'amafumbire akora ku buryo:

- 1° impanuka zirindwa mu gihe cyose hakoreshwa imiti n'amafumbire ;
- 2° abakoresha imiti n'amafumbire batajya kure yabyo ;
- 3° ibikoresho bwite byemewe byo kwirinda byambarwa mu gihe cyo gukora ku miti n'amafumbire no kubikoresha;
- 4° ibikoresho byabugenewe ari byo byonyine bikoreshwa mu gufata ku miti n'amafumbire no kubitera;

Section 3 : Use of agrochemicals

Article 50: Protection of crops and environment

In order to protect the crops and environment, agrochemicals are used only for which they are provided for and in accordance with the instructions et requirements displayed on the label.

Article 51: Safe handling and use of agrochemicals

Any agrochemical dealer must ensure that:

- 1° hazards are avoided while handling agrochemicals at all times during use;
- 2° users are not allowed any drifting away from the agrochemicals;
- 3° approved personal protective equipment is worn during handling and use of agrochemicals;
- 4° only recommended equipment and materials are used to handle and apply agrochemicals

Section 3 : Utilisation des produits agrochimiques

Article 50 : Protection des cultures et de l'environnement

Afin de protéger les cultures et l'environnement, les produits agrochimiques sont utilisés uniquement pour l'usage prescrit et dans le strict respect des conditions et des indications figurant sur l'étiquette.

Article 51: Saine manipulation et utilisation de produits agrochimiques

Tout marchand des produits agrochimiques doit s'assurer que :

- 1° les dangers sont évités lors de la manipulation des produits agrochimiques à tout moment de l'utilisation ;
- 2° les utilisateurs ne s'éloignent jamais des produits agrochimiques ;
- 3° l'équipement personnel de protection approuvé est porté lors de la manipulation et de l'utilisation de produits agrochimiques ;
- 4° seuls les équipements et matériels recommandés soient utilisés pour manipuler et appliquer des produits agrochimiques;

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 5° nta biribwa barira mu bubiko, mu iduka cyangwa mu gihe batera imiti n'amafumbire; | 5° no foods are consumed in a store or a shop or during application of agrochemicals; | 5° les aliments ne sont pas consommés au lieu de stockage ou au magasin ou lors de l'application de produits agrochimiques ; |
| 6° nta muntu wemererwa kunywa itabi, gufata ifunguro, konsa umwana, gufata ibinyobwa cyangwa gukora ku biribwa n'ibyombo mu nyubako zibonekamo imiti n'amafumbire cyangwa mu gihe batera imiti n'ifumbire; | 6° no smoking, eating, breast feeding, drinking or handling of food and food utensils by any person is permitted in agrochemical premises or while in the process of applying agrochemicals; | 6° personne ne fume, ne mange, n'allaitte, ne boit ni ne manipule des aliments et ustensiles de cuisine dans des bâtiments abritant des produits agrochimiques ou durant leur application; |
| 7° imyambaro n'ibikoresho byakoreshejwe n'umuntu ari mu bubiko cyangwa iduka ry'imiti n'amafumbire cyangwa yakoresheje ayitera bihita bimeswa nyuma y'akazi ; | 7° all clothing and appliances used by any person in a store, a shop or while applying agrochemicals are washed immediately after the application; | 7° tous les vêtements et les appareils utilisés par toute personne au stock, au magasin ou durant l'application des produits agrochimiques sont lavés immédiatement après l'application ; |
| 8° umuntu wese ahita yiyuhagira n'isabune n'amazi meza ako kanya akimara gukora ku muti n'ifumbire cyangwa kubitera. | 8° any person washes his/her body with soap and clean water immediately after he/she handled or applied agrochemical. | 8° toute personne se lave le corps avec de l'eau propre et du savon immédiatement après la manipulation ou l'application d'un produit agrochimique. |

Ingingo ya 52: Ibyitonderwa mu mikoreshereze y'imiti n'amafumbire

Ukoresha imiti n'amafumbire yitondera ibi bikurikira:

- 1° nta muntu cyangwa itungo ryemerewe kujya ahamaze guterwa imiti n'amafumbire;
- 2° nta kintu kiriribwa ako kanya ahamaze guterwa imiti n'amafumbire hakurikijwe amabwiriza y'imikoreshereze y'umuti ari ku kirango ;

Article 52: Precautions on the use of agrochemicals

The user of agrochemicals must take the following precautions :

- 1° no person or animal is allowed into freshly sprayed areas;
- 2° no food product is consumed immediately after application of agrochemicals in accordance with instructions of use on the label ;

Article 52 : Précautions sur l'utilisation des produits agrochimiques

L'utilisateur de produits agrochimiques doit prendre les précautions suivantes:

- 1° aucune personne ou animal n'est autorisé dans les zones fraîchement pulvérisés ;
- 2° aucun produit alimentaire ne peut être consommé immédiatement après l'application de produits agrochimiques selon les instructions d'usage figurant sur l'étiquette ;

- 3° nta miti n'amafumbire bipfunyikwa bundi bushya mu gipfunyika kindi kitari icyacyo cy'umwimerere ;
- 4° imiti n'amafumbire bibikwa kure y'aho abana bagera ;
- 5° ibipfunyika byavuyemo imiti n'amafumbire ntibyongera gukoreshwa mu mirimo yo mu ngo.

- 3° no agrochemical is repacked in any other container other than the original one;
- 4° agrochemicals are kept out of reach of children;
- 5° empty agrochemical containers shall not be re-used for domestic purposes.

- 3° aucun produit agrochimique ne peut être réemballé dans un contenant autre que celui d'origine ;
- 4° les produits agrochimiques sont tenus hors de la portée des enfants ;
- 5° des emballages vides des produits agrochimiques ne sont pas réutilisés dans des travaux ménagers.

UMUTWE WA VII: ISUZUMWA N'IGERAGEZWA N'AMAFUMBIRE RY'IMITI

CHAPTER VII: TESTING OF AGROCHEMICALS

CHAPITRE VII : ESSAI DES PRODUITS AGROCHIMIQUES

Ingingo ya 53: Uburyo isuzumwa n'igeragezwa by'imiti n'amafumbire bikorwamo

Article 53: Modalities for laboratory tests and experiments of agrochemicals

Article 53 : Modalités de tests de laboratoire et expérimentation des produits agrochimiques

Isuzumwa ryose n'igeragezwa mu murima by'imiti n'amafumbire bikorwa hakurikijwe imigenzereze myiza n'amabwiriza bya labaratwari, kandi kopi z'umwimerere za raporo y'isuzuma n'igerageza hamwe n'ibipimongiro by'imiti n'amafumbire, bishyikirizwa Inama Ngishwanama kugira ngo ibisuzume.

Any Laboratory test and experiment of agrochemicals is carried out in accordance with good laboratory practice, and copies of original reports of the tests, together with samples of the agrochemicals, are submitted to the Advisory Council for assessment.

Tout test de laboratoire et expérimentation des produits agrochimiques sont effectués conformément aux bonnes pratiques de laboratoire, et des copies de rapports originaux des tests, avec des échantillons de produits agrochimiques, sont soumises au Conseil Consultatif pour considération.

Ingingo ya 54: Isuzumwa ry'ibigize umuti n'ifumbire bishabutse

Article 54: Assessment of active ingredients of an agrochemical

Article 54 : Examen des composants actifs d'un produit agrochimique

Inama Ngishwanama isuzuma niba ibigize umuti n'ifumbire bishabutse byerekanwe mu gihe cy'ishyirwa ku isoko ryabyo ari bimwe cyangwa atari bimwe mu miterere, ingano no mu bibigize

The Advisory Council assesses whether or not the active ingredients of an agrochemical preparation presented for marketing correspond in identity, quantity and composition to the

Le Conseil Consultatif examine si oui ou non les ingrédients actifs d'une préparation agrochimique présentée pour la commercialisation correspondent quant à l'identité, à la quantité et à la composition a

n'iby'ibyasuzumwe, ikanasuzuma ingano y'uburozi, ingaruka mbi ku buzima bw'abantu n'iyemerwa ku bidukikije byabyo.

Ingingo ya 55: Isabwa ry'isuzumwa ry'imiti n'amafumbire

Umucuruzi w'imiti n'amafumbire wifuzaga gusuzumisha imiti n'amafumbire yohereza Inama Ngishwanama ibaruwa ibisaba.

Ibaruwa isaba gusuzumisha imiti n'amafumbire igomba kuba iherekejwe n'ibi bikurikira:

- 1° ibipimongiro by'umwimerere bihagije bitewe n'ibisabirwa gusuzumwa, amazina y'ubucuruzi yabyo n'amazina asanzwe agaragaza imivangire yabyo;
- 2° amakuru yo mu rwego rwa tekiniye ku mbaraga zo guhumanya ibidukikije, ku ngano y'ubushobozi bwo kwica, ku rwego ruto rushoboka rw'ibisigazwa, ku rwego rw'umumaro n'ubwihanganirwe n'andi makuru ya ngombwa ku miti n'amafumbire.

Ingingo ya 56: Imyitwarire y'usuzumisha imiti n'amafumbire

Usaba gusuzumisha imiti n'amafumbire ntiyemerewe kwivanga, gushaka kumenya cyangwa kugira imishyikirano n'itsinda ry'abashakashatsi cyangwa abakozi bashinzwe igikorwa cyo gusuzuma umuti n'ifumbire bisuzumwa.

substance tested, and evaluate them for toxicological, public health and environmental acceptability.

Article 55: Application for testing of agrochemicals

Any agrochemical dealer who intends to apply for agrochemical testing submits an application letter to the advisory council.

The application for agrochemical testing is accompanied with:

- 1° original sufficient quantities of samples depending on the products to be tested, trade names and generic names for the formulation;
- 2° all technical information on toxicity on environment, lethal dose, minimum residue level, efficacy and tolerance levels and any other relevant information on the agrochemicals.

Article 56: Behaviour of applicant for testing agrochemicals

The applicant of agrochemical testing shall not canvas, influence or seek to know or deal with the research staff team or personnel responsible for testing the candidate agrochemical;

ceux de la substance testée, et évalue leur toxicologie, leur effet sur la santé publique et leur acceptabilité environnementale.

Article 55 : Demande pour les essais des produits agrochimiques

Tout commerçant de produits agrochimiques qui a l'intention de faire tester adresse une lettre de demande au Conseil Consultatif.

La demande de test pour les produits agrochimiques doit être accompagnée :

- 1° des quantités suffisantes d'échantillons originaux selon les produits à tester, des noms de commerce et des noms génériques de formulation ;
- 2° de toutes les informations techniques sur la toxicité pour l'environnement, la dose létale, le niveau minimum de résidus, les niveaux d'efficacité et de tolérance et toute autre information pertinente sur les produits agrochimiques.

Article 56 : Comportement d'un demandeur de test des produits agrochimiques

Le demandeur d'essais des produits agrochimiques ne s'ingère pas, n'influence pas ni ne cherche pas à connaître ou traiter avec l'équipe du personnel de recherche ou le personnel chargé de tester le produit agrochimique sous traitement ;

Ingingo ya 57 : Igihe umuti n'ifumbire bigeragezwamo

Umuti n'ifumbire bigeragerezwa nibura mu bihembwe bibiri by'ihinga mu bice bitandukanye by'u Rwanda.

Ingingo ya 58: Amafaranga yerekeranye n'isuzuma ry'imiti n'amafumbire

Usaba gusuzumisha imiti n'amafumbire ni we wishyura mu isanduku ya Leta amafaranga yose ajyanye n'isuzumwa ryabyo akabona guhabwa icyemezo cy'iyandikwa ry'agateganyo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 59: Raporo y'isuzumwa ry'imiti n'amafumbire

Umushakashatsi cyangwa itsinda ry'abashakashatsi mu bigo bifite ububasha bakira, bagasuzuma bakanakusanyiriza amakuru yose yabonetse muri raporo tekini boherereza Inama Ngishwanama.

Inama Ngishwanama isuzuma raporo tekini ikamenyesha Umwanditsi w'imiti n'amafumbire umwanzuro yayifasheho.

Mu gihe cy'iminsi cumi nine (14), uherye aho raporo tekini imugereyeho, Umwanditsi amenyesha uwasabye isuzumishwa ry'imiti n'amafumbire umwanzuro w'Inama Ngishwanama ku byerekeranye n'isuzumwa ryayo kugira ngo hagire ikindi cyakorwa.

Article 57: Period for experimenting n agrochemical

The agrochemical is experimented for a minimum of two crop growing seasons in different field locations in Rwanda.

Article 58: Costs for agrochemical testing

The applicant of agrochemical testing bears the responsibility of payment to the Public Treasury account of all the costs for agrochemical testing, before he/she is granted a certificate of temporary registration issued by the competent Authority.

Article 59: Report on testing of agrochemicals

The researcher or the team of researchers in respective competent institutions gather, analyze and compile test data into a technical report to be submitted to the Advisory Council.

The Advisory Council analyzes the technical report and communicates its final decision to the Registrar.

The Registrar, within a period of fourteen (14) days from the date he/she received the technical report, communicates to the applicant the decision of the Advisory Council on the agrochemical testing in order to take appropriate action.

Article 57 : Période d'expérimentation d'un produit agrochimique

Le produit agrochimique est expérimenté pour un minimum de deux saisons de croissance des cultures dans différents endroits sur le terrain du Rwanda.

Article 58 : Frais pour les essais des produits agrochimiques

Le demandeur d'essai des produits agrochimiques est tenu du paiement au compte du Trésor Public de tous les frais pour essais des produits agrochimiques, avant d'obtenir le certificat d'enregistrement provisoire délivré par l'autorité compétente.

Article 59 : Rapport de test de produits agrochimiques

Le chercheur ou l'équipe de chercheurs dans les institutions compétentes respectives recueillent, analysent et compilent des données de test dans un rapport technique à soumettre au Conseil Consultatif.

Le Conseil Consultatif analyse le rapport technique et communique sa décision finale au Registraire.

Dans un délai de quatorze (14) jours à compter du jour où le rapport technique lui a été soumis, le Registraire communique au demandeur la décision du Conseil Consultatif sur les essais de produits agrochimiques afin de prendre les mesures appropriées.

UMUTWE WA VIII: IVANWAHO RY'IMITI N'AMAFUMBIRE

Ingingo ya 60: Kumena imiti n'amafumbire kure y'imiyoboro y'amazi cyangwa ibiyaga

Nta muntu wemerewe kumena imiti n'amafumbire ku butaka buri muri metero icumi (10m) y'imiyoboro y'amazi cyangwa muri metero mirongo itanu (50m) y'ikiyaga;

Ingingo ya 61: Gukusanyiriza hamwe no kvanaho burundu ibyavuyemo imiti n'amafumbire

Ibyavuyemo imiti n'amafumbire bikusanyirizwa ahantu habugenewe bitegereje kvanwaho burundu.

Ingingo ya 62: Isabwa ry'uruhushya rwo kvanaho imiti n'ifumbire

Umuntu wese wifuza kvanaho imiti n'amafumbire abisabira uruhushya mu nyandiko Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije akagera kopi Minisitiri ufite imiti n'amafumbire mu nshingano ze.

Inyandiko isaba uruhushya rwo kvanaho imiti n'amafumbire iba iherekejwe n'ibi bikurikira:

CHAPTER VIII: DISPOSAL OF AGROCHEMICALS

Article 60: Dumping agrochemicals away from water courses or lakes

No person shall dispose any agrochemical on the land within ten meters (10m) of a water course or within fifty meters (50m) of a lake.

Article 61: Collection and disposal of empty agrochemical containers

After use, empty agrochemical containers are collected in a designated place before being taken for safe disposal.

Article 62: Application for authorization for disposal of agrochemicals

Any person who intends to dispose of agrochemicals applies in writing for authorization to do so in Rwanda Environment Management Authority and provides a copy to the Minister in charge of agrochemicals.

The application for authorization for disposal of agrochemicals is accompanied by the following:

CHAPITRE VIII : DESTRUCTION DES PRODUITS AGROCHIMIQUES

Article 60 : Déversement des produits agrochimiques loin de cours d'eau ou des lacs

Nul ne peut déverser un produit agrochimique sur le terrain se trouvant à dix mètres (10m) d'un cours d'eau ou à cinquante mètres (50m) d'un lac.

Article 61 : Collecte et destruction des emballages vides des produits agrochimiques

Après usage, les récipients vides des produits agrochimiques doivent être collectés dans un endroit désigné en attendant la destruction sécurisée.

Article 62: Demande d'autorisation de destruction des produits agrochimiques

Toute personne qui a l'intention de détruire des produits agrochimiques en fait, par écrit, une demande d'autorisation à l'Office Rwandais pour la Protection de l'Environnement et réserve une copie au Ministre ayant les produits agrochimiques dans ses attributions.

La demande d'autorisation pour la destruction des produits agrochimiques est accompagnée des documents suivants:

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- | | | |
|---|--|--|
| 1° Umwirondoro w'usaba uruhushya; | 1° Identity of the applicant; | 1° L'identité du demandeur d'autorisation; |
| 2° Kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'imiti n'amafumbire gitangwa n'umwanditsi w'imiti n'amafumbire ; | 2° A copy of the certificate of agrochemicals registration issued by the Registrar of agrochemicals; | 2° La copie du certificat d'enregistrement des produits agrochimiques délivré par le Registraire des produits agrochimiques; |
| 3° Inyandiko igaragaza amakuru y'ibiranga imiti n'amafumbire; | 3° A document containing information on the characteristics of the agrochemicals; | 3° Le document portant les informations sur les caractéristiques des produits agrochimiques; |
| 4° Ibyangombwa byaherekeje imiti n'amafumbire mu gihe byinjiraga mu gihugu; | 4° Official documents that accompanied the agrochemicals during their entrance into the country; | 4° Les documents officiels qui accompagnent les produits agrochimiques au cours de leur entrée dans le pays; |
| 5° Icyerekana ingano y'imiti n'amafumbire bisabirwa kuvanwaho; | 5° Indication of the quantity of the agrochemicals for which the authorization for disposal is applied; | 5° L'indication de la quantité des produits agrochimiques dont l'autorisation de destruction est demandée ; |
| 6° Ikigaragaza ingaruka mbi z'imiti n'amafumbire ku buzima bw'abantu, ibimera, inyamaswa no ku bidukikije muri rusange; | 6° Indication of consequences of the agrochemicals to human, plants and animal health and to the environment in general; | 6° L'indication des conséquences des produits agrochimiques sur la santé humaine, végétale et animale et sur l'environnement en général; |
| 7° Ikigaragaza uburyo bwiza bwo kuvana imiti n'amafumbire aho bibitse kugera aho bizashyirwa n'ingamba ziteganyijwe zo guhashya ingaruka mbi zishobora kugaragara aho imiti n'amafumbire bizavanirwaho; | 7° Indication of the best mode to take away the agrochemicals from where they are to the point of disposal and the suggested measures to avoid any eventual consequences to the place of disposal; | 7° L'indication de la meilleure façon d'enlèvement des produits agrochimiques de l'endroit où ils sont au point de l'élimination et les mesures proposées pour éviter des conséquences éventuelles sur le lieu destruction ; |
| 8° Ikigaragaza ko uburyo buvugwa mu gace ka 7° k'iki gika butagira ingaruka mbi ku mazi, ubutaka, amasoko y'amazi y'ikuzimu, | 8° Indication on how the mode referred to in item 7° of this Paragraph has no consequences to water, soil, | 8° L'indication de comment la façon visée au point 7° du présent alinéa n'a pas de conséquences sur l'eau, le sol, les sources d'eau souterraines, les rivières, l'atmosphère et sur les êtres vivants; |

Official Gazette n° 30 of 25/07/2016

- | | | |
|---|--|---|
| imigezi, umwuka wo mu kirere no ku binyabuzima; | underground water sources, rivers, air space and lives; | |
| 9° Ikigaragaza uruhare rw'abafatanyabikorwa bose mu ivanwaho ry'imiti n'amafumbire niba bahari; | 9° Indication of the role of all stakeholders involved in the disposal of the agrochemicals if any; | 9° L'indication du rôle de tous les partenaires intervenant, le cas échéant, dans l'élimination des produits agrochimiques ; |
| 10° Ikigaragaza ingaruka mbi zose zishobora kuvuka n'uburyo bwose buteganyijwe bwo kuzirinda mu gihe habaye impanuka n'ibindi bitunguranye; | 10° Indication of any predicted consequences and precautions taken and how to intervene in case of accidents and unexpected reactions; | 10° L'indication de toute conséquence prévisible, et précautions prises et de comment intervenir en cas d'accident et des réactions inattendues; |
| 11° icyerekana uko ubugenzuzi n'ikurikirana ry'ingaruka mbi zishobora kuvuka byakorwa n'uburyo bwo kuzikumira mu gihe kirekire n'ikigufi; | 11° Indication of how to carry out the inspection and monitoring of consequences that may arise and mitigation methods on long and short term basis; | 11° L'indication de comment l'inspection et le suivi des conséquences pouvant survenir vont être menés et des méthodes d'atténuantes à long et à court terme; |
| 12° Ikigaragaza impamvu zahereweho mu gutoranya uburyo bw'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire; | 12° Justifications for the selection of mode of disposal of agrochemicals; | 12° Les justifications du choix de la façon de destruction des produits agrochimiques; |
| 13° Andi makuru ya ngombwa niba ahari. | 13° any other necessary information if any. | 13° tout autre information nécessaire, s'il y en a. |

Ingingo ya 63: Itangwa ry'uruhushya rwo kvanaho imiti n'amafumbire

Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije gisuzuma inyandiko y'usaba kvanaho imiti n'amafumbire kigatanga uruhushya mu minsi makumyabiri (20) uherye ku muni inyandiko isaba yatangiwe.

Article 63: Issuance of authorization for disposal of agrochemicals

Rwanda Environment Management Authority considers the application for disposal of the agrochemicals and issue the authorization within a period of twenty (20) days from the date of submission of the application.

Article 63 : Délivrance de l'autorisation de destruction de produits agrochimiques

L'Office Rwandais pour la Protection de l'Environnement examine la demande de destruction de produits agrochimiques et délivre l'autorisation dans un délai de vingt (20) jours à compter de la date de dépôt de la demande.

Icyakora, Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije gishobora kwiyongerera igihe cyo gutanga uruhushya rw'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire, ariko kikabimenyesha uwasabye mu nyandiko mbere y'uko igihe gisanzwe cyo gutanga uruhushya kirangira.

Ingingo ya 64: Kudatanga uruhushya rw'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire

Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije gishobora kudatanga uruhushya rw'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire iyo uwasabye atujuje ibisabwa bivugwa mu ngingo gika cya 2 cy'ingingo ya 61 y'iri teka.

Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije gishobora kandi gutegeka ubundi buryo bwo kuvanaho bwo kuvanaho imiti n'amafumbire.

Ingingo ya 65: Ikiguzi cy'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire bikoreshwa mu buhinzi

Ikiguzi cy'ivanwaho ry'imiti n'amafumbire n'icy'innyigo zose zakenerwa zifitanye isano na ryo kishingirwa n'usaba.

